| | | |
|---|---|---|
| **ITEKA RYA MINISITIRI N° 001/26/10/TC RYO KU WA 13/02/2026 RIGENA UBURYO BW'IMITANGIRE Y'AMASOKO YA LETA AJYANYE NO GUHANGA IBISHYA** | **MINISTERIAL ORDER N° 001/26/10/TC OF 13/02/2026 DETERMINING MODALITIES FOR AWARD OF PUBLIC TENDERS RELATED TO INNOVATION** | **ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 001/26/10/TC DU 13/02/2026 DÉTERMINANT LES MODALITÉS D'ATTRIBUTION DES MARCHÉS PUBLICS EN RAPPORT AVEC L'INNOVATION** |
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENTS** | **TABLE DES MATIÈRES** |
| **UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE** | **CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS** | **CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES** |
| **Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije** | **Article One: Purpose of this Order** | **Article premier: Objet du présent arrêté** |
| **Ingingo ya 2: Isobanura** | **Article 2: Interpretation** | **Article 2: Interprétation** |
| **UMUTWE WA II: AKANAMA KADAHORAHO GASHINZWE GUTANGA AMASOKO YA LETA YEREKEYE GUHANGA IBISHYA** | **CHAPTER II: *AD HOC* PUBLIC TENDER COMMITTEE FOR INNOVATION** | **CHAPITRE II: COMITÉ AD HOC DE PASSATION DES MARCHÉS PUBLICS D'INNOVATION** |
| **Ingingo ya 3: Ishyirwaho ry'Akanama kadahoraho** | **Article 3: Establishment of an *ad hoc* committee** | **Article 3: Nomination d'un Comité *ad hoc*** |
| **Ingingo ya 4: Abagize Akanama kadahoraho** | **Article 4: Composition of an *ad hoc* committee** | **Article 4: Composition du Comité *ad hoc*** |
| **Ingingo ya 5: Inshingano z'akanama kadahoraho** | **Article 5: Responsibilities of an *ad hoc* committee** | **Article 5: Attributions du Comité *ad hoc*** |
| **Ingingo ya 6: Ibihembo n'amafaranga ahabwa abagize Akanama kadahoraho** | **Article 6: Remuneration and allowances for members of an *ad hoc* committee** | **Article 6: Rémunérations et indemnités des membres du Comité *ad hoc*** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>UMUTWE WA III</u>: UBURYO BWO GUTANGA AMASOKO YA LETA AJYANYE NO GUHANGA IBISHYA** | **<u>CHAPTER III</u>: METHODS OF PUBLIC PROCUREMENT FOR INNOVATION** | **<u>CHAPITRE III</u>: MÉTHODES DE PASSATION DES MARCHÉS PUBLICS D'INNOVATION** |
| **<u>Icyiciro cya mbere</u>: Uburyo bw'ipiganwa ryo guhanga ibishya ku gisubizo gikenewe n'urwego rutanga isoko** | **<u>Section One</u>: Design contest** | **<u>Section première</u>: Concours de conception** |
| **<u>Ingingo ya 7</u>: Uburyo bwo gukoresha ipiganwa ryo guhanga ibishya ku gisubizo gikenewe n'urwego rutanga isoko** | **<u>Article 7</u>: Modalities for the use of a design contest** | **<u>Article 7</u>: Modalités d'utilisation du concours de conception** |
| **<u>Ingingo ya 8</u>: Gutanga umushinga w'igisubizo mu buryo bw'ipiganwa ryo guhanga ibishya ku gisubizo gikenewe n'urwego rutanga isoko** | **<u>Article 8</u>: Submission of the solution proposal in a design contest** | **<u>Article 8</u>: Soumission de la proposition de solution dans le concours de conception** |
| **<u>Ingingo ya 9</u>: Igihe cyo gutegura umushinga w'igisubuzo** | **<u>Article 9</u>: Period for preparing the solution proposal** | **<u>Article 9</u>: Délai pour préparer la proposition de solution** |
| **<u>Ingingo ya 10</u>: Gusuzuma umushinga w'igisubizo mu buryo bw'ipiganwa ryo guhanga ibishya ku gisubizo gikenewe n'urwego rutanga isoko** | **<u>Article 10</u>: Evaluation of the solution proposal in a design contest** | **<u>Article 10</u>: Évaluation de la proposition de solution dans le concours de conception** |
| **<u>Ingingo ya 11</u>: Ibigenderwaho mu gusesengura umushinga w'ibisubizo mu rwego rwa tekiniki no gusuzuma icyitegererezo cy'ibishya** | **<u>Article 11</u>: Criteria for the technical solution proposal and prototype evaluation** | **<u>Article 11</u>: Critères d'évaluation de la proposition de solution technique et du prototype** |
| **<u>Ingingo ya 12</u>: Gusuzuma icyitegererezo cy'ubucuruzi** | **<u>Article 12</u>: Evaluation of a business model** | **<u>Article 12</u>: Évaluation du plan d'affaires** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 13: Kumvikana no gushyira umukono ku masezerano** | **Article 13: Contract negotiation and signing in a design contest** | **Article 13: Négociation et signature du contrat dans le concours de conception** |
| **Ingingo ya 14: Ibihembo by'abatsinze** | **Article 14: Honorarium prize** | **Article 14: Prix honorifique** |
| **Icyiciro cya 2: Ipiganwa ryo guhanga ibishya ku kibazo kidasanzwe** | **Section 2: Pre-commercial procurement** | **Section 2: Marchés pré-commerciaux** |
| **Ingingo ya 15: Uburyo bwo gupiganira guhanga ibishya ku kibazo kidasanzwe** | **Article 15: Modalities for the use of pre-commercial procurement** | **Article 15: Modalités d'utilisation de passation des marchés pré-commerciaux** |
| **Ingingo ya 16: Gutanga umushinga w'ibisubizo mu ipiganwa ryo guhanga ibishya ku kibazo kidasanzwe** | **Article 16: Submission of the solution proposal in pre-commercial procurement** | **Article 16: Soumission de la proposition de solution dans la passation des marchés pre-commerciaux** |
| **Ingingo ya 17: Gusuzuma umushinga w'igisubizo mu ipiganwa ryo guhanga ibishya ku kibazo kidasanzwe** | **Article 17: Evaluation of the solution proposal in pre-commercial procurement** | **Article 17: Évaluation de la proposition de solution dans la passation des marchés pre-commerciaux** |
| **Ingingo ya 18: Ibishingirwaho mu gusuzuma igisubizo mu rwego rwa tekiniki** | **Article 18: Criteria for the evaluation of the technical solution** | **Article 18: Critères d'évaluation de la solution technique** |
| **Ingingo ya 19: Kuganira ku masezerano no kuyashyiraho umukono mu ipiganwa ryo guhanga ibishya ku kibazo kidasanzwe** | **Article 19: Contract negotiation and signing in pre-commercial procurement** | **Article 19: Négociation et signature du contrat dans la passation des marchés pre-commerciaux** |
| **Ingingo ya 20: Ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano** | **Article 20: Contract execution** | **Article 20: Exécution du contrat** |
| **Ingingo ya 21: Icyiciro cyo kwerekana igisubizo** | **Article 21: Demonstration phase** | **Article 21: Phase de démonstration** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 22: Icyiciro cyo gukora no kugerageza igisubizo** | **Article 22: Solution development and testing phase** | **Article 22: Phase de développement et de test de la solution** |
| **Ingingo ya 23: Icyiciro cy'igerageza cy'inzibacyuho** | **Article 23: Transitional experimentation phase** | **Article 23: Phase transitoire d'expérimentation** |
| **Ingingo ya 24: Kwishyura uhanga bishya watsindiye isoko** | **Article 24: Payment for a successful innovator** | **Article 24: Paiement pour un innovateur retenu** |
| **Icyiciro cya 3: Ingingo zihuriweho ku buryo bukoreshwa mu ipiganwa ryo guhanga ibishya ku gisubizo gikenewe n'urwego rutanga isoko no ku ipiganwa ryo guhanga ibishya ku kibazo kidasanzwe** | **Section 3: Common provisions for design contest and pre-commercial procurement methods** | **Section 3: Dispositions communes pour les méthodes de concours de conception et de passation des marchés précommerciaux** |
| **Ingingo ya 25: Gutegura no gutangaza inyandiko isaba igisubizo** | **Article 25: Preparation and publication of a request for solution** | **Article 25: Préparation et publication d'une demande de solution** |
| **Ingingo ya 26: Kugisha inama hifashishijwe isoko** | **Article 26: Open market consultation** | **Article 26: Consultation sur le marché ouvert** |
| **Ingingo ya 27: Igitabo ngenderwaho mu gutegura inyandiko ihamagarira uhanga ibishya gupiganwa n'imirongo ngenderwaho yerekeye amasoko yo guhanga ibishya** | **Article 27: Standard request for solution and guidelines on the procurement for innovation** | **Article 27: Document de demande de solution type et lignes directrices sur la passation des marchés d'innovation** |
| **Ingingo ya 28: Inyandiko yo kwiyemeza gukurikiza ibisabwa mu ipiganwa** | **Article 28: Bid securing declaration** | **Article 28: Déclaration de garantie d'offre** |
| **Ingingo ya 29: Inyandiko yishingira kurangiza isoko neza** | **Article 29: Performance securing declaration** | **Article 29: Déclaration de garantie de bonne exécution** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 30: Uburambe mu rwego rwa tekiniki** | **Article 30: Technical experience** | **Article 30: Expérience technique** |
| **Ingingo ya 31: Isuzumwa ry'ibisubizo mu rwego rwa tekiniki** | **Article 31: Evaluation of technical solutions** | **Article 31: Évaluation des solutions techniques** |
| **Ingingo ya 32: Issuzuma ry'umushinga mu rwego rw'igiciro** | **Article 32: Evaluation of the financial proposal** | **Article 32: Évaluation de la proposition financière** |
| **UMUTWE WA IV: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA** | **CHAPTER IV: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE IV: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES** |
| **Ingingo ya 33: Uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge mu masoko ya Leta yo guhanga ibishya** | **Article 33: Intellectual property rights in public procurement for innovation** | **Article 33: Droits de propriété intellectuelle dans les marchés publics d'innovation** |
| **Ingingo ya 34: Ibidateganyijwe** | **Article 34: Matters not provided for** | **Article 34: Matières non prévues** |
| **Ingingo ya 35: Ingingo y'ururimi** | **Article 35: Language provision** | **Article 35: Disposition linguistique** |
| **Ingingo ya 36: Gutangira gukurikizwa** | **Article 36: Entry into force** | **Article 36: Entrée en vigueur** |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEKA RYA MINISITIRI N° 001/26/10/TC RYO KU WA 13/02/2026 RIGENA UBURYO BW'IMITANGIRE Y'AMASOKO YA LETA AJYANYE NO GUHANGA IBISHYA** | **MINISTERIAL ORDER N° 001/26/10/TC OF 13/02/2026 DETERMINING MODALITIES FOR AWARD OF PUBLIC TENDERS RELATED TO INNOVATION** | **ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 001/26/10/TC DU 13/02/2026 DÉTERMINANT LES MODALITÉS D'ATTRIBUTION DES MARCHÉS PUBLICS EN RAPPORT AVEC L'INNOVATION** |
| **Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi;** | **The Minister of Finance and Economic Planning;** | **Le Ministre des Finances et de la Planification Économique;** |
| Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda; | Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda; | Vu la Constitution de la République du Rwanda; |
| Ashingiye ku Itegeko n° 031/2022 ryo ku wa 21/11/2022 rigenga amasoko ya Leta, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3; | Pursuant to Law n° 031/2022 of 21/11/2022 governing public procurement, especially in Article 3; | Vu la Loi n° 031/2022 du 21/11/2022 portant réglementation des marchés publics, spécialement en son article 3; |
| Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 09/11/2024 imaze kubisuzuma no kubyemeza; | After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 09/11/2024; | Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 09/11/2024; |
| **ATEGETSE:** | **ORDERS:** | **ARRÊTE:** |
| **UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE** | **CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS** | **CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES** |
| **Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije** | **Article One: Purpose of this Order** | **Article premier: Objet du présent arrêté** |
| Iri teka rigena uburyo bw'imitangire y'amasoko ya Leta ajyanye no guhanga ibishya. | This Order determines modalities for award of public tenders related to innovation. | Le présent arrêté détermine les modalités d'attribution des marchés publics en rapport avec l'innovation. |

| Kinyarwanda | English | Français |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 2</u>: Isobanura** | **<u>Article 2</u>: Interpretation** | **<u>Article 2</u>: Interprétation** |
| Muri iri teka: | In this Order: | Dans le présent arrêté: |
| (a) « **igice cy'ikoranabuhanga kitagaragara** » bivuga igice cy'urubuga rwa murandasi kigizwe n'imyubakire yayo, uburyo bukoreshwa, amakuru, n'inyurabwenge ituma uburyo bukoreshwa na mudasobwa bubasha gukora; | (a) **"back-end development"** means development of a server's side structure, system, data, and logic that allows a computer application to operate; | (a) « **développement *back-end*** » signifie un développement de la structure, le système, les données et la logique côté serveur qui permettent à une application informatique de fonctionner; |
| (b) « **icyitegererezo cy'ubucuruzi** » bivuga igitekerezo gisobanura ibyerekeye amafaranga yakoreshwa ku gisubizo uhanga ibishya yagejeje ku rwego rutanga isoko n'ayo cyakwinjiza; | (b) **"business model"** means a concept that describes the financing and revenue generation of a solution proposed by the innovator to the procuring entity; | (b) « **plan d'affaires** » signifie un concept qui décrit le financement et la génération de revenus d'une solution proposée par l'innovateur à l'entité de passation de marché ; |
| (c) « **ikibazo** » bivuga inzitizi cyangwa ingorane zagaragaye cyangwa urwego rutanga isoko rwahuye na zo, aho urwo rwego rutanga isoko rutabifitiye igisubizo; | (c) **"challenge"** means an issue or problem identified or faced by a procuring entity, where the procuring entity does not have a solution for it; | (c) « **défi** » signifie une question ou un problème identifié ou rencontré par une entité de passation de marché, lorsque cette dernière ne connaît pas sa solution; |
| (d) « **igice cy'ikoranabuhanga kigaragara** » bivuga igice kigizwe n'ibyo abakoresha urubuga rwa murandasi bashobora kubona no gukoresha; | (d) **"front-end development"** means development of the graphical user interface of a platform which users can view and interact with that platform; | (d) « **développement web frontal** » signifie le développement de l'interface utilisateur graphique d'une plateforme, afin que les utilisateurs puissent visualiser et interagir avec cette plateforme; |
| (e) «**guhanga ibishya**» bivuga igitekerezo | (e) **"innovation"** means a new idea, product, | (e) « **innovation** » signifie une nouvelle |

| | | |
|---|---|---|
| gishya, igicuruzwa, cyangwa serivisi byahinduwemo igisubizo kigirira akamaro abenegihugu, abagikoresha n'Igihugu; | process or service transformed into a solution that adds value for citizens, users and to the country; | idée, un produit, un procédé ou un service transformé en une solution qui ajoute de la valeur pour les citoyens, les utilisateurs et le pays; |
| (f) « **uhanga ibishya** » bivuga umuntu ku giti cye cyangwa ikigo gifite ubuzima gatozi cyagize uruhare mu gutanga igitekerezo gishya, ibicuruzwa cyangwa serivisi byahinduwe igisubizo kigirira akamaro abenegihugu, abagikoresha n'Igihugu; | (f) **"innovator"** means a natural person or legal person involved in producing a new idea, product, process or service transformed into a solution that adds value for citizens, users and the country; | (f) « **innovateur** » signifie une personne physique ou morale impliquée dans la production d'une nouvelle idée, d'un produit, d'un procédé ou d'un service transformé en une solution qui ajoute de la valeur pour les citoyens, les utilisateurs et le pays; |
| (g) « **kugisha inama hifashishijwe isoko** » bivuga uburyo bujyanye n'ingamba kandi bufatika bwo gutanga amasoko ya Leta ajyanye yo guhanga ibishya bwita cyane ku mikoranire n'abahanga ibishya, hagamijwe kunoza ibyavuye mu masoko ya Leta bishimangira gukorera mu mucyo, ipiganwa no guhanga ibishya mu masoko ya Leta; | (g) **"open market consultation"** means a strategic and proactive approach to public procurement related to innovation that emphasizes collaboration with innovators to optimize the outcomes of a procurement by fostering transparency, competition, and innovation in public procurement; | (g) « **consultation sur le marché ouvert** » signifie une approche stratégique et proactive des marchés publics liée à l'innovation qui met l'accent sur la collaboration avec les innovateurs pour optimiser les résultats des marchés publics en favorisant la transparence, la concurrence et l'innovation dans les marchés publics; |
| (h) « **icyitegererezo cy'ibishya** » bivuga icyitegererezo ngengamikorere shingiro cy'igicuruzwa cyangwa icya serivisi, gikorwa hagamijwe kukigiraho cyangwa mu rwego rwo guteza imbere icyo gicuruzwa cyangwa iyo serivisi; | (h) **"prototype"** means a fundamental model of a product or service, built for demonstration purposes or as part of the development process; | (h) « **prototype** » signifie un modèle fondamental d'un produit ou d'un service, construit à des fins de démonstration ou dans le cadre du processus de développement; |
| (i) « **inyandiko ihamagarira uhanga ibishya gupiganwa** » bivuga inyandiko | (i) **"request for solution"** means a document from the procuring entity containing | (i) « **demande de solution** » signifie un document de l'entité de passation de |

| | | |
|---|---|---|
| y'urwego rutanga isoko irimo amakuru asabwa mu gutegura umushinga w'igisubizo mu rwego rwa tekiniki no mu rwego rw'igiciro, uko isoko ritangwa n'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko rya Leta; | information required for the preparation of technical and financial solution proposal, the tender award process and the execution of procurement contract; | marché comprenant les informations requises sur l'élaboration de la proposition de solution technique et financière, le processus d'attribution du marché et d'exécution du contrat de marché public; |
| (j) **« igishushanyo mbonera cy'igisubizo»** bivuga igishushanyo cyakozwe hifashishijwe ikoranabuhanga, ubushakashatsi bwakozwe ku bijyanye n'imikorere yacyo, igeragezwa ryacyo, uko kigaragara ku maso, ibyo gikora mu rwego rw'ubucuruzi, uko gitangira gukora na gahunda z'imikorere yacyo; | (j) **"solution design"** means a design created using technology, research conducted on its functioning, testing, visual design, business functions, deployments and operationalisation plans; | (j) **« conception de solution »** signifie une conception créée à l'aide de la technologie, de la recherche menée sur son fonctionnement, ses tests, sa conception visuelle, ses fonctions commerciales, sa mise en marche et ses plans d'opérationnalisation; |
| (k) **« uhanga ibishya watsindiye isoko »** bivuga uhanga ibishya byagaragaye ko ari we urusha abandi, nyuma y'isuzuma ry'inyandiko z'ipiganwa, hakurikijwe isuzuma rya tekiniki n'isuzuma ry'ibiciro, akaba ari we watoranijwe n'urwego rutanga isoko; | (k) **"successful innovator"** means an innovator whose offer has been, after bids evaluation, considered the most competitive both technically and financially and has been selected by the procuring entity; | (k) **« innovateur retenu »** signifie un **i**nnovateur dont l'offre a été, après l'évaluation des offres, considérée comme la plus compétitive tant sur le plan technique que financier et qui a été sélectionnée par l'entité de passation de marché; |
| (l) **« urwego rureberera urwego rutanga isoko »** bivuga Minisiteri ireberera urwego rutanga isoko cyangwa umuyobozi ukuriye Umuyobozi mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta muri urwo rwego rutanga isoko iyo hatari Minisiteri irureberera. | (l) **"supervising authority of the procuring entity"** means the supervising Ministry of the procuring entity or the supervisor of the Chief Budget Manager of the procuring entity if there is no supervising Ministry. | (l) **« autorité de tutelle de l'entité de passation de marché »** signifie le Ministère de tutelle de l'entité de passation de marché ou le superviseur du Gestionnaire Principal du Budget de l'entité de passation de marché, lorsqu'il n'y a pas de Ministère de tutelle. |

**UMUTWE WA II: AKANAMA KADAHORAHO GASHINZWE GUTANGA AMASOKO YA LETA YEREKEYE GUHANGA IBISHYA**

**Ingingo ya 3: Ishyirwaho ry'Akanama kadahoraho**

(1) Bisabwe n'urwego rutanga isoko, urwego rureberera, rumaze kugisha inama Minisitiri ufite guhanga ibishya mu nshingano, rushyiraho Akanama kadahoraho gashinzwe gutanga amasoko ya Leta yerekeye guhanga ibishya, kitwa « Akanama kadahoraho » mu ngingo zikurikira.

(2) Urwego rutanga isoko rushyikiriza urwego rureberera urutonde rw'abakandida bashobora gutoranywamo abagize Akanama kadahoraho, barimo Perezida na Visi Perezida.

(3) Mbere yo gutangira imirimo, ugize Akanama kadahoraho ashyira umukono ku nyandiko yemeza kutagira igongana ry'inyungu no kugira ibanga yifashishije ifishi yabigenewe ishyirwa mu nyandiko ihamagarira uhanga ibishya gupiganwa.

**CHAPTER II: *AD HOC* PUBLIC TENDER COMMITTEE FOR INNOVATION**

**Article 3: Establishment of an *ad hoc* committee**

(1) Upon request by the procuring entity, its supervising authority, after consultation with the Minister in charge of innovation establishes an *ad hoc* public tender Committee for innovation, referred to as "*ad hoc* committee".

(2) The procuring entity proposes to its supervising authority a list of candidates who may be selected as members of the *ad hoc* Committee including the Chairperson and Vice Chairperson.

(3) Before commencement of duties, a member of the *ad hoc* committee signs a declaration form of non-conflict of interest and confidentiality, following the standard form included in the request for solution.

**CHAPITRE II: COMITÉ AD HOC DE PASSATION DES MARCHÉS PUBLICS D'INNOVATION**

**Article 3: Nomination d'un Comité *ad hoc***

(1) À la demande de l'entité de passation de marché, son autorité de tutelle, après consultation du Ministre ayant l'innovation dans ses attributions institue un Comité ad hoc de passation des marchés publics d'innovation, ci-après dénommé « Comité *ad hoc* ».

(2) L'entité de passation de marché propose à son autorité de tutelle une liste de candidats qui peuvent être élus membres du Comité *ad hoc* dont le Président et le Vice-Président.

(3) Avant son entrée en fonction, un membre du Comité *ad hoc* signe un formulaire de déclaration de non-conflit d'intérêts et de confidentialité suivant le formulaire type inclus dans la demande de solution.

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 4</u>: Abagize Akanama kadahoraho** | **<u>Article 4</u>: Composition of an *ad hoc* committee** | **<u>Article 4</u>: Composition du Comité *ad hoc*** |
| (1) Akanama kadahoraho kagizwe n'abantu batanu barimo inzobere zituruka hanze y'urwego rutanga isoko zifite ubumenyi bufitanye isano n'isoko bireba n'abaturuka mu rwego rutanga isoko n'umuntu nibura umwe wo mu ishami rirebwa n'iryo soko. | (1) The *ad hoc* committee is composed of five members including external experts with relevant profile to the concerned tender and internal members of the procuring entity and at least one person from the unit of the concerned tender. | (1) Le Comité *ad hoc* est composé de cinq membres y compris les experts externes possédant les capacités relatives à la nature du marché concerné et les membres internes de l'entité de passation de marché public et au moins un membre de l'unité du marché concerné. |
| (2) Umunyamabanga w'Akanama kadahoraho aturuka mu rwego rutanga isoko. | (2) The Secretary of the *ad hoc* committee comes from the procuring entity. | (2) Le Secrétaire du Comité *ad hoc* est issu de l'entité de passation de marché. |
| (3) Inzobere zo hanze y'urwego rutanga isoko zitoranywa mu nzobere zo mu Gihugu, mu zo hanze y'Igihugu, mu nzego za Leta, mu bikorera, mu bafatanyabikorwa mu iterambere no muri sosiyete sivile. | (3) External experts are selected from national experts, international experts, public sector, private sector, development partners and civil society. | (3) Les membres externes sont sélectionnés parmi des experts nationaux, des experts internationaux, ceux du secteur public, du secteur privé, des partenaires de développement et de la société civile. |
| **<u>Ingingo ya 5</u>: Inshingano z'akanama kadahoraho** | **<u>Article 5</u>: Responsibilities of an *ad hoc* committee** | **<u>Article 5</u>: Attributions du Comité *ad hoc*** |
| Akanama kadahoraho gakora inshingano zose z'akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta ziteganyijwe n'itegeko rigenga amasoko ya Leta. | The *ad hoc* committee performs all responsibilities of the public tender committee provided under the Law governing public procurement. | Le Comité *ad hoc* exerce toutes les attributions du comité de passation des marchés publics prévues par la loi portant réglementation des marchés publics. |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 6: Ibihembo n'amafaranga ahabwa abagize Akanama kadahoraho** | **Article 6: Remuneration and allowances for members of an *ad hoc* committee** | **Article 6: Rémunérations et indemnités des membres du Comité *ad hoc*** |
| (1) Abagize Akanama kadahoraho batoranyijwe mu mpuguke zitagengwa n'amategeko y'abakozi ba Leta bagenerwa ibihembo bumvikanyeho hakurikijwe uko isoko riteye kandi bikemezwa n'urwego rureberera urwego rutanga isoko. | (1) Members of the *ad hoc* committee selected from experts not governed by public service laws are entitled to remuneration negotiated on the basis of the market reality and approved by the supervising authority of the procuring entity. | (1) Les membres du Comité *ad hoc* sélectionnés parmi des experts non régis par les lois régissant les agents de l'État ont droit à des rémunérations négociées en fonction de la réalité du marché et approuvées par l'autorité de tutelle de l'entité de passation de marché. |
| (2) Abagize Akanama kadahoraho batoranyijwe mu bakozi ba Leta bagenerwa igihembo n'ibibafasha mu kazi bisabwe n'urwego rutanga isoko bikemezwa n'urwego rururebera. | (2) Members of the *ad hoc* committee selected from civil servants are entitled to the allowance and facilitation proposed by the procuring entity and approved by its supervising authority. | (2) Les membres du Comité *ad hoc* sélectionnés parmi les agents de l'État ont droit à l'indemnité et à la facilitation proposées par l'entité de passation de marché et approuvée par son autorité de tutelle. |
| **UMUTWE WA III: UBURYO BWO GUTANGA AMASOKO YA LETA AJYANYE NO GUHANGA IBISHYA** | **CHAPTER III: METHODS OF PUBLIC PROCUREMENT FOR INNOVATION** | **CHAPITRE III: MÉTHODES DE PASSATION DES MARCHÉS PUBLICS D'INNOVATION** |
| **Icyiciro cya mbere: Uburyo bw'ipiganwa ryo guhanga ibishya ku gisubizo gikenewe n'urwego rutanga isoko** | **Section One: Design contest** | **Section première: Concours de conception** |
| **Ingingo ya 7: Uburyo bwo gukoresha ipiganwa ryo guhanga ibishya ku gisubizo gikenewe n'urwego rutanga isoko** | **Article 7: Modalities for the use of a design contest** | **Article 7: Modalités d'utilisation du concours de conception** |
| (1) Urwego rutanga isoko rukoresha uburyo bw'ipiganwa ryo guhanga ibishya ku | (1) A procuring entity uses the design contest method if the procuring entity applies | (1) L'entité de passation de marché utilise la méthode du concours de conception |

| | | |
|---|---|---|
| gisubizo gikenewe n'urwego rutanga isoko iyo rukoresheje uburyo bw'ipiganwa no guhanga ibishya kugira ngo rubone igisubizo gikwiye ku kibazo rufite. | competitive and innovative procurement processes for the purposes of acquiring the best solution to the challenge at hand. | lorsque cette entité de passation des marchés publics applique des procédures de passation des marchés concurrentielles et innovantes dans le but d'acquérir la meilleure solution pour relever son défi. |
| (2) Mu gukoresha uburyo bw'ipiganwa ryo guhanga ibishya ku gisubizo gikenewe n'urwego rutanga isoko, urwo rwego rwishyura igisubizo gishya iyo gihuye n'igisubizo cyifuzwa n'urwego rutanga isoko nk'uko biba byasobanuwe mu nyandiko ihamagarira uhanga ibishya gupiganwa. | (2) By adopting the design contest method used by the procuring entity, the procuring entity pays for the innovative solution if it produces the desired solution by the procuring entity as defined in the request for solution. | (2) En adoptant la méthode du concours de conception utilisée par l'entité de passation de marché, cette entité de passation de marché paie la solution innovante lorsqu'elle produit la solution souhaitée telle que définie dans la demande de solution. |
| (3) Abahanga ibishya batoranywa hashingiwe ku bigenderwaho bishyirwaho n'inyandiko ihamagarira uhanga ibishya gupiganwa. | (3) Innovators are selected based on the criteria set by a request for solution. | (3) Les innovateurs sont sélectionnés sur la base des critères définis par la demande de solution. |
| **<u>Ingingo ya 8</u>: Gutanga umushinga w'igisubizo mu buryo bw'ipiganwa ryo guhanga ibishya ku gisubizo gikenewe n'urwego rutanga isoko** | **<u>Article 8</u>: Submission of the solution proposal in a design contest** | **<u>Article 8</u>: Soumission de la proposition de solution dans le concours de conception** |
| (1) Uhanga ibishya akoresheje uburyo bw'ikoranabuhanga bukoreshwa mu masoko ya Leta ashyikiriza urwego rutanga isoko umushinga w'igisubizo ugizwe n'igisubizo cyo mu rwego rwa tekiniki, harimo igishyushanyo mbonera cy'igisubizo n'umushinga mu rwego rw'igiciro. | (1) An innovator submits to the procuring entity the solution proposal consisting of the technical solution, including the solution design and financial proposal via the e-procurement system. | (1) L'innovateur soumet à l'entité de passation de marché la proposition de solution qui consiste de la solution technique, comprenant la conception de solution et la proposition financière, en utilisant le système électronique de passation de marchés publics. |

| | | |
|---|---|---|
| (2) Urwego rutanga isoko ruha abahanga ibishya igihe cyo gutegura inyandiko z'ipiganwa kitari munsi y'iminsi icumi ibarwa uhereye ku munsi inyandiko ihamagarira uhanga ibishya gupiganwa yatangarijweho, kugira ngo bategure umushinga w'igisubizo hakurikijwe imiterere yihariye y'igisubizo. | (2) The procuring entity gives the innovators a minimum period of ten days from the date of the publication of the request for solution to prepare the solution proposal in consideration of the complexity of the solution. | (2) L'entité de passation de marché donne aux innovateurs un délai d'au moins dix jours à compter du jour de la publication de la demande de solution pour préparer la proposition de solution, en fonction de la complexité de la solution. |
| **<u>Ingingo ya 9</u>: Igihe cyo gutegura umushinga w'igisubuzo** | **<u>Article 9</u>: Period for preparing the solution proposal** | **<u>Article 9</u>: Délai pour préparer la proposition de solution** |
| Urwego rutanga isoko ruha abahanga ibishya igihe kitari munsi y'iminsi icumi ibarwa uhereye ku munsi inyandiko ihamagarira uhanga ibishya gupiganwa yatangarijweho kugira ngo bategure imishinga y'igisubizo kandi hanitawe ku miterere yihariye y'igisubizo. | The procuring entity gives the innovators a minimum period of ten days from the date of publication the request for solution to prepare the solution proposals and in consideration of the complexity of the solution. | L'entité de passation de marché donne aux innovateurs un délai minimum de dix jours à compter du jour de la publication de la demande de solution pour préparer les propositions de solution et en tenant compte de la complexité de la solution. |
| **<u>Ingingo ya 10</u>: Gusuzuma umushinga w'igisubizo mu buryo bw'ipiganwa ryo guhanga ibishya ku gisubizo gikenewe n'urwego rutanga isoko** | **<u>Article 10</u>: Evaluation of the solution proposal in a design contest** | **<u>Article 10</u>: Évaluation de la proposition de solution dans le concours de conception** |
| (1) Ku cyiciro cyo gusuzuma umushinga w'igisubizo, Akanama kadahoraho hamagarira uhanga ibishya kwerekana umushinga w'igisubizo mu rwego rwa tekiniki n'icyitegererezo cy'ibishya cyacyo imbere y'Akanama kadahoraho. | (1) At the stage of evaluation of solution proposal, the *ad hoc* committee invites an innovator to demonstrate the technical solution proposal and its prototype before the *ad hoc* committee. | (1) Au stade d'évaluation de la proposition de solution, le Comité *ad hoc* invite l'innovateur à démontrer la proposition de solution technique et son prototype devant le Comité *ad hoc*. |

| Kinyarwanda | English | Français |
|---|---|---|
| (2) Akanama kadahoraho gakora isuzuma ry'ibanze n'iryo mu rwego rw'ubutegetsi, hakurikijwe itegeko rigenga amasoko ya Leta n'iteka rya Minisitiri ufite amasoko ya Leta mu nshingano rishyiraho amabwiriza agenga amasoko ya Leta. | (2) The *ad hoc* committee conducts the preliminary and administrative evaluation in accordance with the law governing public procurement and the Order of the Minister in charge of public procurement establishing regulations on public procurement. | (2) Le Comité *ad hoc* procède à l'évaluation préliminaire et administrative conformément à la loi portant réglementation des marchés publics et l'arrêté du Ministre ayant des marchés publics dans ses attributions portant réglementation des marchés publics. |
| (3) Akanama kadahoraho gasuzuma umushinga w'igisubizo wo mu rwego rwa tekiniki no mu rwego rw'umushinga w'igiciro hakurikijwe uburyo buteganyijwe muri iri teka. | (3) The *ad hoc* committee conducts the evaluation of the solution proposal on technical and financial proposal in accordance with the procedure provided for in this Order. | (3) Le Comité *ad hoc* effectue une évaluation de la proposition de solution sur le plan technique et financier conformément à la procédure prévue au présent arrêté. |
| **<u>Ingingo ya 11</u>: Ibigenderwaho mu gusesengura umushinga w'ibisubizo mu rwego rwa tekiniki no gusuzuma icyitegererezo cy'ibishya** | **<u>Article 11</u>: Criteria for the technical solution proposal and prototype evaluation** | **<u>Article 11</u>: Critères d'évaluation de la proposition de solution technique et du prototype** |
| Akanama kadahoraho gasuzuma umushinga w'igisubizo cyo mu rwego rwa tekiniki gikemura ikibazo n'icyitegererezo cy'ibishya cyacyo gashingiye kuri ibi bikurikira: | The ad hoc committee for innovation evaluates the technical solution proposal and its prototype based on the following: | Le comité *ad hoc* évalue la proposition de solution technique et son prototype sur la base de ce qui suit: |
| (a) gukemura ibibazo; | (a) problem solving; | (a) la résolution du problème; |
| (b) igisubizo kigomba kuba gishya, gishoboka, kandi gishobora guhita gishyirwa mu bikorwa; | (b) the solution must be innovative, feasible and ready for implementation; | (b) la solution doit être innovante, réalisable et prête à être mise en œuvre; |
| (c) ikoranabuhanga ry'igisubizo ririmo – | (c) technology of the solution, which includes– | (c) la technologie de la solution qui comprend – |

| | | |
|---|---|---|
| (i) ibikorwa byumvikana bisobanura inzira y'ubucuruzi igomba gukurikizwa; | (i) the logical workflow which implies understanding of business process to be followed; | (i) le flux de travail logique qui implique la compréhension du processus commercial à suivre; |
| (ii) kubahiriza amategeko y'ubucuruzi harimo ubushobozi bw'amategeko yerekana imiterere y'ubucuruzi cyangwa kugenzura cyangwa guhindura imyitwarire y'ubucuruzi; | (ii) business rules enforcement including the ability of the rules to assert business structure or to control or influence the behaviour of the business; | (ii) l'application des règles commerciales, y compris la capacité des règles à affirmer la structure de l'entreprise ou à contrôler ou influencer le comportement de l'entreprise; |
| (iii) incamake y'igishushanyo mbonera cy'igisubizo gikemura ikibazo mu buryo bworoshye kigaragaza inzira ihamye, isobanutse kandi ishobora kwaguka mu gihe kizaza; | (iii) an overview of the solution design that easily solves the challenge with demonstrated scalable, clear and potential avenues for expansion in the future; | (iii) l'aperçu de la conception de solution qui résout facilement le défi avec des pistes d'expansion évolutives, claires et potentielles démontrées pour l'avenir; |
| (iv) uburyo n'ibikoresho byifashishwa mu kurinda sisitemu, urusobe bikoreramo, porogaramu, igikoresho n'amakuru akoreshwa mu gisubizo cyatanzwe; | (iv) methods and tools used to ensure protection of system, network, programme, device and data applicable to the proposed solution; and | (iv) les méthodes et les outils utilisés pour assurer la protection du système, du réseau, du programme, de l'appareil et des données applicables à la solution proposée; et |
| (v) n'uruhererekane rw'ikoranabuhanga rifite uburyo butandukanye rikoreshwa mu kugera ku gisubizo gikemura ikibazo, rishobora kubamo uburyo igisubizo kiboneka, igice cyaryo kitagaragara n'ikigaragara cyangwa igikoresho gifatika; | (v) technology stack consisting of various technologies used to develop the solution to address the tendered challenge, may include the deployment of the solution, its front-end and back-end development or a physical device; | (v) la pyramide technologique composée de diverses technologies utilisées pour développer la solution pour relever le défi, peut inclure le déploiement de la solution, son développement *front-end* et *back-end* ou un dispositif physique; |

| | | |
|---|---|---|
| (d) imikoreshereze ikubiyemo imikorere y'igisubizo igera ku ntego zose cyasabiwe. | (d) usability that includes the functionality of the solution that meets all of its intended purposes. | (d) l'usage, qui comprend la fonctionnalité de la solution qui atteint tous ses objectifs. |
| **<u>Ingingo ya 12</u>: Gusuzuma icyitegererezo cy'ubucuruzi** | **<u>Article 12</u>: Evaluation of a business model** | **<u>Article 12</u>: Évaluation du plan d'affaires** |
| Akanama kadahoraho gasuzuma icyitegererezo cy'ubucuruzi ku gaciro k'amafaranga y'igisubizo gikemura ikibazo hamwe na gahunda y'ubucuruzi irambye kandi ishoboka. | The *ad hoc* committee evaluates the business model on the financial value of a solution with a sustainable and potential business plan. | Le Comité *ad hoc* évalue le plan d'affaires sur la valeur financière d'une solution avec un plan d'affaires durable et potentiel. |
| **<u>Ingingo ya 13</u>: Kumvikana no gushyira umukono ku masezerano mu buryo bw'ipiganwa ryo guhanga ibishya ku gisubizo gikenewe n'urwego rutanga isoko** | **<u>Article 13</u>: Contract negotiation and signing in a design contest** | **<u>Article 13</u>: Négociation et signature du contrat dans le concours de conception** |
| (1) Nyuma y'isuzuma ryo mu rwego rwa tekiniki n'urw'igiciro, urwego rutanga isoko rugirana imishyikirano yerekeye amasezerano n'uhanga ibishya watsindiye isoko. Mu gihe imishyikirano idashoboye kugera ku masezerano, urwego rutanga isoko rukomereza imishyikirano k'ukurikiyeho uri ku rutonde ufite nibura amanota akubiye hamwe angana na 70%. | (1) After the technical and financial evaluation, the procuring entity engages in contract negotiation with the successful innovator. In case the successful innovator and procuring entity fail to agree on the contract terms, the same negotiation procedure continue with the next successful innovator with a combined score of at least 70%. | (1) Après l'évaluation technique et financière, l'entité de passation de marchés publics engage la négociation du contrat avec l'innovateur retenu. Lorsque l'innovateur retenu et l'entité de passation de marchés publics ne parviennent pas à s'entendre sur les conditions du contrat, le même processus de négociation continue avec l'innovateur suivant qui a obtenu au moins le score combiné de 70%. |
| (2) Uhanga ibishya watsindiye isoko ashyira umukono ku masezerano mu gihe inyandiko z'ipiganwa zigifite agaciro, | (2) The successful innovator signs a contract within the bid validity period as set in the request for solution. | (2) L'innovateur retenu signe un contrat pendant la période de validité de l'offre prévue dans la demande de solution. |

| | | |
|---|---|---|
| nk'uko giteganywa mu nyandiko ihamagarira uhanga ibishya gupiganwa. | | |
| **<u>Ingingo ya 14</u>: Ibihembo by'abatsinze** | **<u>Article 14</u>: Honorarium prize** | **<u>Article 14</u>: Prix honorifique** |
| (1) Abahanga ibishya batoranyijwe bahabwa ibihembo by'abatsinze, uretse uhanga ibishya watsindiye isoko uhabwa amasezerano. | (1) The best selected innovators receive an honorarium prize except the successful innovator who receives a contract. | (1) Les meilleurs innovateurs sélectionnés reçoivent le prix honorifique, à l'exception de l'innovateur retenu qui reçoit un contrat. |
| (2) Agaciro k'ibihembo by'abatsinze gahwanye na 1% y'ingengo y'imari iteganyirijwe iryo soko. | (2) The value of the honorarium prize corresponds to 1% of the tender estimated budget. | (2) La valeur du prix d'honoraires correspond à 1% du budget estimatif du marché. |
| (3) Inyandiko ihamagarira uhanga ibishya gupiganwa yerekana uburyo bwo gutanga igihembo ku bahanga ibishya batoranyijwe. | (3) The request for solution indicates modalities to award honorarium prize to the best innovators. | (3) La demande de solution indique les modalités d'attribution des prix honorifiques aux meilleurs innovateurs. |
| **<u>Icyiciro cya 2</u>: Ipiganwa ryo guhanga ibishya ku kibazo kidasanzwe** | **<u>Section 2</u>: Pre-commercial procurement** | **<u>Section 2</u>: Marchés pré-commerciaux** |
| **<u>Ingingo ya 15</u>: Uburyo bwo gupiganira guhanga ibishya ku kibazo kidasanzwe** | **<u>Article 15</u>: Modalities for the use of pre-commercial procurement** | **<u>Article 15</u>: Modalités d'utilisation de passation des marchés pré-commerciaux** |
| (1) Urwego rutanga isoko rushobora gukoresha uburyo bw'ipiganwa ryo guhanga ibishya ku kibazo kidasanzwe iyo – | (1) The procuring entity may use the pre-commercial procurement method if – | (1) L'entité de passation de marché peut utiliser la méthode de passation des marchés pré-commerciaux lorsque – |
| (a) nta gisubizo cy'ubucuruzi kiriho cyakemura ikibazo gihari; | (a) there is no commercial ready solution to the existing challenge; | (a) il n'existe pas de solution commerciale prête au défi existant; |

| | | |
|---|---|---|
| (b) bidashoboka ko urwego rutanga isoko rutanga ibisobanuro birambuye kandi bisobanutse kugira ngo ikibazo kibonerwe ibisubizo binyuze mu nzira y'amasoko ya Leta; | (b) it is not feasible for the procuring entity to formulate detailed and clear specifications for the problem statement to obtain the responsive solution to its procurement needs; or | (b) il n'est pas possible pour l'entité de passation de marché de formuler des spécifications détaillées et claires pour l'énoncé du problème afin d'obtenir une solution adaptée à ses besoins en matière de passation des marchés; ou |
| (c) cyangwa isoko rigoye, kandi urwego rutanga isoko rudafite ubumenyi buhagije mu cyiciro runaka, cyangwa ari isoko rijyanye n'ikoranabuhanga riteye imbere mu guhanga ibishya. | (c) a tender is complex, and the procuring entity lacks enough knowledge in the area, or it is a tender relating to high technological and innovative development. | (c) l'appel d'offres est complexe et l'entité de passation de marché n'a pas suffisamment de connaissances dans le domaine, ou il s'agit d'un appel d'offres lié à un développement technologique et innovant élevé. |
| (2) Mu gukoresha uburyo bw'ipiganwa ryo guhanga ibishya ku kibazo kidasanzwe, urwego rutanga isoko rukoresha inzira y'ubushakashatsi kugira ngo haboneke igisubizo. Icyo gihe, urwego rutanga isoko rutoranya abahanga ibishya bafite ubushobozi bwo gukora ibikorwa by'ubushakashatsi no guhanga ibishya bitanga igisubizo ku nyandiko ihamagarira uhanga ibishya gupiganwa. | (2) By use of the pre-commercial procurement method, the procuring entity uses a research and development process to develop and obtain the solution. In this case, the procuring entity selects innovators who have the capacity to carry out research and development activities responding to the request for solution. | (2) Avec l'utilisation de la méthode de passation des marchés pré-commerciaux, l'entité de passation de marché utilise un processus de recherche et de développement pour développer et obtenir la solution. Dans ce cas, l'entité de passation de marché sélectionne des innovateurs qui ont la capacité de mener des activités de recherche et de développement répondant à la demande de solution. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 16</u>: Gutanga umushinga w'ibisubizo mu ipiganwa ryo guhanga ibishya ku kibazo kidasanzwe** | **<u>Article 16</u>: Submission of the solution proposal in pre-commercial procurement** | **<u>Article 16</u>: Soumission de la proposition de solution dans la passation des marchés pre-commerciaux** |
| (1) Uhanga ibishya akoresha uburyo bw'ikoranabuhanga bukoreshwa mu masoko ya Leta, atanga umushinga w'igisubizo ugizwe n'igisubizo cyo mu rwego rwa tekiniki, harimo igishyushanyo mbonera cy'igisubizo n'umushinga mu rwego rw'igiciro. | (1) An innovator submits the solution proposal consisting of the technical solution, including the solution design, and financial proposal via the e-procurement system. | (1) L'innovateur soumet la proposition de solution comprenant la solution technique, y compris la conception de solution et la proposition financière, en utilisant le système électronique de passation de marchés publics. |
| (2) Urwego rutanga isoko ruha abahanga ibishya igihe cyo gutegura inyandiko z'ipiganwa kitari munsi y'iminsi 15 ibarwa uhereye ku munsi inyandiko ihamagarira uhanga ibishya gupiganwa yatangarijweho, kugira ngo bategure umushinga w'igisubizo hakurikijwe imiterere yihariye y'igisubizo. | (2) The procuring entity gives the innovators a minimum period of 15 days from the date of the publication of the request for solution to prepare the solution proposal in consideration of the complexity of the solution. | (2) L'entité de passation de marché donne aux innovateurs un délai d'au moins 15 jours à compter du jour de la publication de la demande de solution pour préparer la proposition de solution, en fonction de la complexité de la solution. |
| **<u>Ingingo ya 17</u>: Gusuzuma umushinga w'igisubizo mu ipiganwa ryo guhanga ibishya ku kibazo kidasanzwe** | **<u>Article 17</u>: Evaluation of the solution proposal in pre-commercial procurement** | **<u>Article 17</u>: Évaluation de la proposition de solution dans la passation des marchés pre-commerciaux** |
| (1) Ku cyiciro cyo gusuzuma umushinga w'igisubizo, uhanga ibishya yerekana umushinga w'igisubizo mu rwego rwa tekiniki n'icyitegererezo cy'ibishya cyacyo imbere y'Akanama kadahoraho. | (1) At the stage of evaluation of a solution proposal, the innovator demonstrates the technical solution including the solution design to the ad hoc committee. | (1) Au stade d'évaluation de la proposition de solution, l'innovateur démontre la proposition de solution technique et son prototype devant le Comité *ad hoc*. |
| (2) Akanama kadahoraho gakora isesengura | (2) The *ad hoc* committee conducts the | (2) Le Comité *ad hoc* procède à l'évaluation |

| | | |
|---|---|---|
| ry'ibanze n'iryo mu rwego rw'ubutegetsi, hakurikijwe itegeko rigenga amasoko ya Leta n'iteka rya Minisitiri ufite amasoko ya Leta mu nshingano rishyiraho amabwiriza agenga amasoko ya Leta. | preliminary and administrative evaluation in accordance with the Law governing public procurement and an Order of the Minister in charge of public procurement establishing regulations on public procurement. | préliminaire et administrative conformément à la loi portant réglementation des marchés publics et l'arrêté du Ministre ayant la passation des marchés publics dans ses attributions portant réglementation des marchés publics. |
| (3) Akanama kadahoraho gakora isuzuma ry'umushinga w'igisubizo hakurikijwe uburyo buteganyijwe muri iri teka. | (3) The *ad hoc* committee conducts the evaluation of the solution proposal in accordance with the procedure provided in this Order. | (3) Le Comité *ad hoc* procède à l'évaluation de la proposition de solution conformément à la procédure prévue au présent arrêté. |
| **<u>Ingingo ya 18</u>: Ibishingirwaho mu gusuzuma igisubizo mu rwego rwa tekiniki** | **<u>Article 18</u>: Criteria for the evaluation of the technical solution** | **<u>Article 18</u>: Critères d'évaluation de la solution technique** |
| Akanama kadahoraho gasuzuma umushinga w'igisubizo cyo mu rwego rwa tekiniki kizakoreshwa hifashishijwe ibi bikurikira: | The *ad hoc* committee evaluates the technical solution to be developed on basis of the following: | Le Comité *ad hoc* évalue la solution technique à développer sur la base de ce qui suit: |
| (a) gukemura ibibazo; | (a) problem solving; | (a) la résolution du problème; |
| (b) igisubizo kigomba kuba gishya, gishoboka, kandi gishobora guhita gishyirwa mu bikorwa; | (b) the solution must be innovative, feasible and ready for implementation; | (b) la solution doit être innovante, réalisable et prête à être mise en œuvre; |
| (c) ikoranabuhanga ry'igisubizo ririmo – | (c) technology of the solution, which includes– | (c) la technologie de la solution qui comprend – |
| (i) ibikorwa byumvikana bisobanura inzira y'ubucuruzi igomba gukurikizwa; | (i) the logical workflow which implies understanding of business process to be followed; | (i) le flux de travail logique qui implique la compréhension du processus commercial à suivre; |

| | | |
|---|---|---|
| (ii) kubahiriza amategeko y'ubucuruzi harimo ubushobozi bw'amategeko yerekana imiterere y'ubucuruzi cyangwa kugenzura cyangwa guhindura imyitwarire y'ubucuruzi; | (ii) business rules enforcement including the ability of the rules to assert business structure or to control or influence the behaviour of the business; | (ii) l'application des règles commerciales, y compris la capacité des règles à affirmer la structure de l'entreprise ou à contrôler ou influencer le comportement de l'entreprise; |
| (iii) incamake y'igishushanyo mbonera cy'igisubizo gikemura ikibazo mu buryo bworoshye kigaragaza inzira ihamye, isobanutse kandi ishobora kwaguka mu gihe kizaza; | (iii) an overview of the solution design that easily solves the challenge with demonstrated scalable, clear and potential avenues for expansion in the future; | (iii) l'aperçu de la conception de solution qui résout facilement le défi avec des pistes d'expansion évolutives, claires et potentielles démontrées pour l'avenir; |
| (iv) uburyo n'ibikoresho byifashishwa mu kurinda sisitemu, urusobe bikoreramo, porogaramu, igikoresho n'amakuru akoreshwa mu gisubizo cyatanzwe; | (iv) methods and tools used to ensure protection of system, network, programme, device and data applicable to the proposed solution; and | (iv) les méthodes et les outils utilisés pour assurer la protection du système, du réseau, du programme, de l'appareil et des données applicables à la solution proposée; et |
| (v) n'uruhererekane rw'ikoranabuhanga rifite uburyo butandukanye rikoreshwa mu kugera ku gisubizo gikemura ikibazo, rishobora kubamo uburyo igisubizo kiboneka, igice cyaryo kitagaragara n'ikigaragara cyangwa igikoresho gifatika; | (v) technology stack consisting of various technologies used to develop the solution to address the tendered challenge, may include the deployment of the solution, its front-end and back-end development or a physical device; | (v) la pyramide technologique composée de diverses technologies utilisées pour développer la solution pour relever le défi, peut inclure le déploiement de la solution, son développement *front-end* et *back-end* ou un dispositif physique; |
| (d) imikoreshereze ikubiyemo imikorere y'igisubizo igera ku ntego zose cyasabiwe. | (d) usability that includes the functionality of the solution that meets all of its intended purposes. | (d) l'usage, qui comprend la fonctionnalité de la solution qui atteint tous ses objectifs. |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 19: Kuganira ku masezerano no kuyashyiraho umukono mu ipiganwa ryo guhanga ibishya ku kibazo kidasanzwe** | **Article 19: Contract negotiation and signing in pre-commercial procurement** | **Article 19: Négociation et signature du contrat dans la passation des marchés pre-commerciaux** |
| (1) Inyandiko ihamagarira uhanga ibishya gupiganwa itanga ibisobanuro birambuye ku buryo bwo guha amasezerano uhanga ibishya watsindiye isoko, harimo umubare ntarengwa w'abahanga ibishya batsindiye isoko batoranywa mu guhabwa amasezerano no kuri buri cyiciro cyo gushyira mu bikorwa amasezerano. | (1) The request for solution provides details for modalities of awarding the contracts to the successful innovator, including the maximum number of the selected successful innovators at the contract award step and at each phase of contract execution. | (1) La demande de solution fournit des détails sur les modalités d'attribution des contrats à l'innovateur retenu, y compris le nombre maximum d'innovateurs retenus sélectionnés à l'étape d'attribution du contrat et à chaque phase d'exécution du contrat. |
| (2) Nyuma y'isuzuma ryo mu rwego rwa tekiniki no mu rwego rw'igiciro, urwego rutanga isoko rugirana imishyikirano yerekeye amasezerano n'uhanga ibishya watsindiye isoko. Iyo imishyikirano idashoboye kugera ku masezerano, urwego rutanga isoko rutangira imishyikirano n'ukurikiyeho ku rutonde ufite nibura amanota akubiye hamwe angana na 70%. | (2) After the technical and financial evaluation, the procuring entity engages in contract negotiation with the successful innovator. If the successful innovator and the procuring entity fail to agree on the contract terms, the same negotiation procedure starts with the next successful innovator with a combined score of at least 70%. | (2) Après l'évaluation technique et financière, l'entité de passation de marché engage la négociation du contrat avec l'innovateur retenu. Lorsque l'innovateur retenu et l'entité de passation de marché publics ne parviennent pas à s'entendre sur les conditions du contrat, le même processus de négociation commence avec l'innovateur suivant qui a obtenu au moins le score combiné de 70%. |
| (3) Uhanga ibishya watsindiye isoko ashyira umukono ku masezerano mu gihe inyandiko z'ipiganwa zigifite agaciro. | (3) The successful innovator signs a contract within the bid validity period. | (3) L'innovateur retenu signe un contrat pendant la période de validité de l'offre. |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 20: Ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano** | **Article 20: Contract execution** | **Article 20: Exécution du contrat** |
| Buri ruhande rwashyize umukono ku masezerano rushyira mu bikorwa inshingano zarwo nk'uko ziteganyijwe mu masezerano. Ipiganwa ryo guhanga ibishya ku kibazo kidasanzwe rishyirwa mu bikorwa mu byiciro bikurikira: | Each party to the contract performs its obligations as stipulated in the contract. The pre-commercial procurement contract is executed in following phases: | Chaque partie au contrat exécute ses obligations telles que stipulées dans le contrat. Le contrat de marché pré-commercial est exécuté dans les phases suivantes: |
| (a) icyiciro cyo kwerekana igisubizo; | (a) the demonstration phase; | (a) la phase de démonstration; |
| (b) icyiciro cyo guhanga no kugerageza igisubizo; | (b) the solution development and testing phase; | (b) la phase de développement et de test de la solution; |
| (c) icyiciro cy'igerageza cy'inzibacyuho. | (c) transitional experimentation phase. | (c) la phase d'expérimentation transitoire. |
| **Ingingo ya 21: Icyiciro cyo kwerekana igisubizo** | **Article 21: Demonstration phase** | **Article 21: Phase de démonstration** |
| Uhanga ibishya isoko yereka urwego rutanga isoko icyitegererezo cy'ibishya. Urwego rutanga isoko rugerageza kandi rugasuzuma icyitegererezo cy'ibishya mbere y'uko cyemezwa. | The successful innovator demonstrates the prototype to the procuring entity. The procuring entity tests and evaluates the prototype before approval. | L'innovateur retenu démontre le prototype à l'entité de passation de marché. L'entité de passation de marché teste et évalue le prototype avant l'approbation. |
| **Ingingo ya 22: Icyiciro cyo gukora no kugerageza igisubizo** | **Article 22: Solution development and testing phase** | **Article 22: Phase de développement et de test de la solution** |
| Nyuma yo kwemeza icyitegererezo cy'ibishya cyerekanwe, uhanga ibishya watsindiye isoko | After approval of the demonstrated prototype, the successful innovator develops and tests the | Après l'approbation du prototype démontré, l'innovateur retenu développe et teste la |

| | | |
|---|---|---|
| ahanga kandi akagerageza igisubizo. | solution. | solution. |
| **<u>Ingingo ya 23</u>: Icyiciro cy'igerageza cy'inzibacyuho** | **<u>Article 23</u>: Transitional experimentation phase** | **<u>Article 23</u>: Phase transitoire d'expérimentation** |
| Uhanga ibishya watsindiye isoko akora icyiciro cy'igerageza cy'inzibacyuho nk'uko biteganyijwe mu nyandiko ihamagarira uhanga ibishya gupiganwa. Atanga ubufasha bwo mu rwego rwa tekiniki akanononsora igisubizo mu gihe kitarenze umwaka umwe mbere y'uko urwego rutanga isoko rwemeza burundu igisubizo cye, uretse igihe inyandiko ihamagarira uhanga ibishya gupiganwa yabiteganyije ukundi. | The successful innovator performs the transitional experimentation phase of the solution as provided for in the request for solution. He or she offers technical facilitation and assistance and refines the results within a period not exceeding one year before the procuring entity finally approves its results, except where the request for solution provides otherwise. | L'innovateur retenu procède au projet pilote de la phase transitoire de l'expérimentation tel que prévu dans la demande de solution. Il donne un appui et une aide techniques et affine la solution pendant une période n'excédant pas une année avant l'acceptation définitive de la solution par l'entité de passation de marché, sauf lorsque la demande de solution en dispose autrement. |
| **<u>Ingingo ya 24</u>: Kwishyura uhanga bishya watsindiye isoko** | **<u>Article 24</u>: Payment for a successful innovator** | **<u>Article 24</u>: Paiement pour un innovateur retenu** |
| (1) Uhanga ibishya watsindiye isoko ashobora guhabwa igice cya mbere cy'ubwishyu nk'uko biteganywa n'inyandiko ihamagarira uhanga ibishya gupiganwa nyuma yo kwemeza icyitegererezo cy'ibishya. | (1) The successful innovator may receive the first instalment payment as provided for in the request for solution after the approval of the prototype. | (1) L'innovateur retenu peut recevoir le premier versement de paiement tel que prévu dans la demande de solution après l'approbation du prototype. |
| (2) Urwego rutanga isoko nyuma yo kwemeza igisubizo cyageragejwe, uhanga ibishya watsindiye isoko ahabwa ikindi gice cy'ubwishyu nk'uko biteganywa n'inyandiko ihamagarira uhanga ibishya gupiganwa. | (2) The procuring entity after the approval of the developed solution, the successful innovator receives another instalment as provided for in the request for solution. | (2) L'entité de passation de marché après l'approbation de la solution développée, l'innovateur retenu reçoit un autre versement tel que prévu dans la demande de solution. |

| | | |
|---|---|---|
| (3) Urwego rutanga isoko nyuma yo kwemeza igisubizo cya nyuma, uhanga ibishya watsindiye isoko ahabwa igice cya nyuma cy'ubwishyu nk'uko biteganywa n'inyandiko ihamagarira uhanga ibishya gupiganwa. | (3) The procuring entity after the approval of the final solution, a successful innovator receives the final instalment as provided for in the request for solution. | (3) L'entité de passation de marché après l'approbation de la dernière solution, l'innovateur retenu reçoit le versement final tel que prévu dans la demande de solution. |
| <u>Icyiciro cya 3</u>: **Ingingo zihuriweho ku buryo bukoreshwa mu ipiganwa ryo guhanga ibishya ku gisubizo gikenewe n'urwego rutanga isoko no ku ipiganwa ryo guhanga ibishya ku kibazo kidasanzwe** | <u>Section 3</u>: **Common provisions for design contest and pre-commercial procurement methods** | <u>Section 3</u>: **Dispositions communes pour les méthodes de concours de conception et de passation des marchés précommerciaux** |
| <u>Ingingo ya 25</u>: **Gutegura no gutangaza inyandiko isaba igisubizo** | <u>Article 25</u>: **Preparation and publication of a request for solution** | <u>Article 25</u>: **Préparation et publication d'une demande de solution** |
| (1) Urwego rutanga isoko rukora isesengura ry'isoko, rugategura inyandiko isaba igisubizo cyo gukemura ikibazo cyagaragaye, kandi rukayishyikiriza Akanama kadahoraho, kugira ngo kayisuzume kandi kayitangeho inama. | (1) The procuring entity conducts a market analysis, prepares a request for solution to the identified challenge and submits it to the *ad hoc* committee for innovation for review and recommendations. | (1) L'entité de passation de marchés publics procède à une analyse du marché, prépare une demande de solution au défi identifié et la soumet au comité *ad hoc* pour examen et recommandations. |
| (2) Iyo inyandiko isaba igisubizo yemejwe n'akanama kadahoraho, urwego rutanga isoko rutangaza inyandiko isaba igisubizo, kugira ngo abahanga ibishya batange ibisubizo byabo. | (2) If the request for solution that describes the challenge is approved by the *ad hoc* committee, the procuring entity publishes the request for solution to allow innovators to submit their solutions. | (2) Lorsque la demande de solution décrivant le défi est approuvée par le comité *ad hoc*, l'entité de passation de marchés publics publie la demande de solution aux innovateurs pour leur permettre de soumettre leurs solutions respectives. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 26</u>: Kugisha inama hifashishijwe isoko** | **<u>Article 26</u>: Open market consultation** | **<u>Article 26</u>: Consultation sur le marché ouvert** |
| (1) Urwego rutanga isoko rutangira rugisha inama hifashishijwe isoko ruzanamo abashobora gutanga ibisubizo n'abafatanyabikorwa b'isoko hakusanywa amakuru, hasuzumwa ubushobozi bw'isoko, hanasobanurwa ibisabwa mu masoko ya Leta bijyanye n'amasoko yo guhanga ibishya. | (1) The procuring entity starts open market consultation by engaging potential suppliers and market stakeholders through gathering information, assessing market capabilities, and define the requirements of a public procurement related to innovations tenders. | (1) L'entité de passation de marché commence la consultation sur le marché ouvert en impliquant les fournisseurs potentiels et les acteurs du marché pour recueillir des informations, évaluer les capacités du marché et définir les exigences d'un marché public lié à un appel d'offres en matière d'innovation. |
| (2) Urwego rutanga isoko, rukoresheje imbuga zemewe, rugisha inama hifashishijwe isoko mu buryo bukurikira: | (2) The procuring entity, through formal platforms, opens market consultation as follows: | (2) L'entité de passation de marché, à travers les plateformes formelles, fait la consultation sur le marché comme suit: |
| (a) gukora ubushakashatsi bw'ibanze ku isoko kugira ngo hamenyekane abahanga ibishya n'abatanga ibisubizo bijyanye n'ikibazo; | (a) conducting preliminary market research to identify innovators and solution providers relevant to the challenge; | (a) mener une étude de marché préliminaire pour identifier les innovateurs et les fournisseurs de solutions pertinents pour le défi; |
| (b) gukora ikiganiro kigamije gutanga amakuru mu ncamake y'ikibazo n'ibisubizo byifuzwa mu gukemura ikibazo kiriho; | (b) conducting an information session to provide an overview of the challenge and the expected innovations to address the current challenge; | (b) organiser une séance d'information pour donner un aperçu du défi et des innovations attendues pour relever le défi actuel; |
| (c) kunonosora inyandiko ihamagarira uhanga ibishya gupiganwa hagendewe ku bitekerezo n'amakuru byagaragajwe mu gihe cyo ku kugisha inama bijyanishijwe | (c) refining the request for solution with feedback and insights presented during consultations in alignment with market capabilities and innovation. | (c) affiner la demande de solution à la lumière des commentaires et informations présentés lors des consultations en adéquation avec les capacités du marché et l'innovation. |

| | | |
|---|---|---|
| n'ubushobozi buri ku isoko no guhanga ibishya. | | |
| **<u>Ingingo ya 27</u>: Igitabo ngenderwaho mu gutegura inyandiko ihamagarira uhanga ibishya gupiganwa n'imirongo ngenderwaho yerekeye amasoko yo guhanga ibishya** | **<u>Article 27</u>: Standard request for solution and guidelines on the procurement for innovation** | **<u>Article 27</u>: Document de demande de solution type et lignes directrices sur la passation des marchés d'innovation** |
| Urwego rwa Leta rufite amasoko ya Leta mu nshingano, ku bufatanye na Minisiteri ifite guhanga ibishya mu nshingano, rutegura igitabo ngenderwaho mu gutegura inyandiko ihamagarira uhanga ibishya gupiganwa n'imirongo ngenderwaho yerekeye amasoko ya Leta yo guhanga ibishya. | The State organ in charge of public procurement, in collaboration with the Ministry in charge of innovation, develops a standard request for solution and guidelines for public procurement for innovation. | L'organe de l'État ayant des marchés publics dans ses attributions, en collaboration avec le Ministère ayant l'innovation dans ses attributions élabore la demande de solution standard et des lignes directrices pour les marchés publics d'innovation. |
| **<u>Ingingo ya 28</u>: Inyandiko yo kwiyemeza gukurikiza ibisabwa mu ipiganwa** | **<u>Article 28</u>: Bid securing declaration** | **<u>Article 28</u>: Déclaration de garantie d'offre** |
| Uhanga ibishya aha urwego rutanga isoko inyandiko yo kwiyemeza gukurikiza ibisabwa mu ipiganwa. | The innovator submits to the procuring entity a declaration of commitment to abide by procurement proceedings. | L'innovateur soumet à l'entité de passation de marché une déclaration d'engagement à se conformer à la procédure de passation des marchés. |
| **<u>Ingingo ya 29</u>: Inyandiko yishingira kurangiza isoko neza** | **<u>Article 29</u>: Performance securing declaration** | **<u>Article 29</u>: Déclaration de garantie de bonne exécution** |
| Mbere yo gushyira umukono ku masezerano, uhanga ibishya watsindiye isoko ashyikiriza urwego rutanga isoko inyandiko yemeza ko azakora akanarangiza isoko neza. | Before signing a contract, the successful innovator submits to procuring entity the performance securing declaration. | Avant de signer le contrat, l'innovateur retenu soumet à l'entité de passation de marché une déclaration de garantie de bonne exécution. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 30</u>: Uburambe mu rwego rwa tekiniki** | **<u>Article 30</u>: Technical experience** | **<u>Article 30</u>: Expérience technique** |
| Hakurikijwe imiterere y'ipiganwa, urwego rutanga isoko rushobora gusaba uhanga ibishya inyandiko yerekana uburambe bwe bwo mu rwego rwa tekiniki. | Depending on the nature of the tender, the procuring entity may request the innovator to provide references to prove his or her technical experience. | Selon la nature du marché, l'entité de passation de marché peut demander à l'innovateur des références prouvant son expérience technique. |
| **<u>Ingingo ya 31</u>: Isuzumwa ry'ibisubizo mu rwego rwa tekiniki** | **<u>Article 31</u>: Evaluation of technical solutions** | **<u>Article 31</u>: Évaluation des solutions techniques** |
| (1) Akanama kadahoraho gasuzuma buri gisubizo cyo mu rwego rwa tekiniki uhanga ibishya yatanze hakurikijwe ibishingirwaho biteganyijwe mu nyandiko ihamagarira uhanga ibishya gupiganwa. | (1) The *ad hoc* committee evaluates every technical solution from the innovator in accordance with criteria provided for in the request for solution. | (1) Le Comité *ad hoc* évalue chaque solution technique de l'innovateur conformément aux critères prévus dans la demande de solution. |
| (2) Isesengura ry'igisubizo cyo mu rwego rwa tekiniki rikorwa hakurikijwe igipimo cy'amanota akurikira: | (2) Evaluation of a technical solution is done in conformity with the following scores: | (2) L'évaluation d'une solution technique de l'innovateur est faite en conformité aux scores suivants: |
| (a) gukemura ikibazo: amanota 20 kugeza ku manota 30; | (a) problem solving: 20 to 30 points; | (a) la résolution du problème: 20 à 30 points; |
| (b) ikoranabuhanga: amanota 25 kugeza ku manota 40; | (b) technology: 25 to 40 points; | (b) la technologie: 25 à 40 points; |
| (c) imikoreshereze: amanota 15 kugeza ku manota 20; | (c) usability:15 to 20 points; | (c) l'usage:15 à 20 points; |

| | | |
|---|---|---|
| (d) kongererwa ubushobozi: amanota 15 kugeza ku manota 30; | (d) scalability:15 to 30 points; | (d) l'évolutivité: 15 à 30 points; |
| (e) umutekano w'igisubizo cyatanzwe: amanota 15 kugeza ku manota 30; | (e) security of the submitted solution: 15 to 30 points; | (e) la sécurité de la solution soumise: 15 à 30 points; |
| (f) uruhare rw'abenegihugu: amanota atanu kugeza ku manota icumi. | (f) participation of nationals: five to ten points. | (f) la participation des nationaux: cinq à dix points. |
| **<u>Ingingo ya 32</u>: Isuzuma ry'umushinga mu rwego rw'igiciro** | **<u>Article 32</u>: Evaluation of the financial proposal** | **<u>Article 32</u>: Évaluation de la proposition financière** |
| (1) Akanama kadahoraho gasuzuma umushinga mu rwego rw'igiciro gashingiye ku giciro cy'igisubizo cyatanzwe. | (1) The *ad* hoc committee evaluates the financial proposal based on the cost of the submitted solution. | (1) Le Comité *ad hoc* évalue la proposition financière en fonction du coût de la solution soumise. |
| (2) Urwego rutanga isoko ruhitamo ubuziranenge bw'umushinga mu rwego rw'igiciro mu gutanga amasoko ya Leta mu guhanga ibishya rushingiye ku buryo busanzwe. Icyakora, urwego rutanga isoko rushobora gukoresha ubundi buryo bwo guhitamo buteganywa n'itegeko rigenga amasoko ya Leta n'iteka rya Minisitiri ufite amasoko ya Leta mu nshingano rishyiraho amabwiriza agenga amasoko ya Leta. | (2) The procuring entity selects the quality and financial proposal for public procurement for innovation based on a default method. However, the procuring entity may use other selection methods provided by the public procurement Law and an Order of the Minister in charge of public procurement establishing regulations on public procurement. | (2) L'entité de passation de marché fait la sélection de la qualité et du coût de la proposition financière pour les marchés publics d'innovation sur base de la méthode par défaut. Toutefois, l'entité de passation de marché peut utiliser d'autres méthodes de sélection prévues par la loi portant réglementation des marchés publics et l'arrêté du Ministre ayant les marchés publics dans ses attributions portant réglementation des marchés publics. |
| (3) Iyo urwego rutanga isoko rukoresheje amahitamo ashingiye ku murimo unoze | (3) If the procuring entity uses the quality and cost-based selection – | (3) Lorsque l'entité de passation de marché utilise la sélection basée sur la qualité et |

| | | |
|---|---|---|
| n'igiciro cyawo bikomatanyije– | | les coûts – |
| (a) inyandiko z'ibiciro z'abahanga ibishya bagize amanota ya tekiniki atari munsi y'igipimo cy'amanota fatizo zifungurwa n'Akanama kadahoraho; | (a) financial offers of innovators who attained the minimum technical score are opened by the *ad hoc* committee; | (a) les propositions financières des innovateurs ayant atteint le résultat technique minimum sont ouvertes par le Comité *ad hoc*; |
| (b) amanota aboneka iyo Akanama kadahoraho gateranyije ayo mu rwego rwa tekiniki n'ay'igiciro; | (b) the total score is obtained if the *ad hoc* committee adds the technical and financial scores; | (b) la note totale est obtenue lorsque le Comité *ad hoc* publics additionne les notes techniques et financières; |
| (c) Akanama kadahoraho kabara uburemere bwo mu rwego rwa tekiniki n'ubw'igiciro hakurikijwe uburemere n'imiterere y'akazi kagomba gukorwa; | (c) the *ad hoc* committee calculates the weight of technical and financial scores basing on the complexity and the nature of the assignment; | (c) le Comité ad hoc calcule le poids des notes techniques et financières en fonction de la complexité et de la nature de la mission; |
| (d) urwego rutanga isoko rugaragaza, mu buryo bwumvikana mu nyandiko ihamagarira uhanga ibishya gupiganwa, umubare nkubishwa w'amanota yo mu rwego rwa tekiniki n'ay'igiciro kugira ngo hagaragazwe inyandiko y'igisubizo yatsinze; | (d) the procuring entity demonstrates clearly in the request for solution the technical score and financial score to determine the best solution; | (d) l'entité de passation de marché démontre précisément dans la demande de solution la note technique et financière pour déterminer la meilleure solution; |
| (e) Akanama kadahoraho gakoresha ihinategeko rikurikira:<br><br>Amanota akubiye hamwe: | (e) the ad hoc committee uses the following formula:<br><br>Combined scores: | (e) le Comité *ad hoc* utilise la formule suivante:<br><br>Notes combinées: |

| | | |
|---|---|---|
| $S = \left(\frac{Ts \times Tw}{100}\right) + \left(\frac{Fs \times Fw}{100}\right)$ aho:<br><br>*S* = Amanota akubiye hamwe<br><br>*Ts* = Amanota ya tekiniki<br><br>*Fs* = *Amanota* y'igiciro cy'igisubizo<br><br>*Tw* = Uburemere bw'amanota ya tekiniki ku ijanisha (hagati ya 80% na 90%)<br><br>*Fw* = Uburemere bw'amanota y'igiciro cy'igisubizo ku ijanisha (hagati ya 10% na 20%)<br><br>*Tw* + *Fw* = 1;<br><br>(f) amanota y'ibiciro ya buri wese mu batanze ibisubizo abarwa ku buryo bukurikira:<br><br>$Fs = \frac{(Lf \times 100)}{Fi}$<br><br>*Lf* = Umushinga w'igisubizo uhendutse kurusha iyindi;<br><br>Fi = Umushinga w'igisubizo urebwa n'isuzuma; | $S = \left(\frac{Ts \times Tw}{100}\right) + \left(\frac{Fs \times Fw}{100}\right)$ where:<br><br>*S*=Final score<br><br>Ts= Technical score<br><br>Fs= Financial score<br><br>*Tw* = Weight of technical score percentage (between 80% and 90%)<br><br>*Fw* = Weight of financial score percentage (between 10% and 20%)<br><br>*Tw* + *Fw* = 1;<br><br>(f) determination of the financial score of each bidder is calculated as follows:<br><br>$Fs = \frac{(Lf \times 100)}{Fi}$<br><br>*Lf*= The Lowest solution proposal;<br><br>Fi = The solution proposal to be evaluated; | $S = \left(\frac{Ts \times Tw}{100}\right) + \left(\frac{Fs \times Fw}{100}\right)$ où :<br><br>*S*= Note finale<br><br>*Ts*= Note technique<br><br>*Fs*= *Note* financière<br><br>*Tw* = Pondération de pourcentage de la note technique (entre 80% et 90%)<br><br>*Fw* = Pondération de pourcentage de la note financière (entre 10% et 20%)<br><br>*Tw* + *Fw* = 1;<br><br>(f) la détermination de la note financière de chaque soumissionnaire est calculée comme suit:<br><br>$Fs = \frac{(Lf \times 100)}{Fi}$<br><br>*Lf* = La proposition de solution la moins disante;<br><br>Fi = La proposition de solution à évaluer; |

| | | |
|---|---|---|
| (g) amanota yo gustindiraho mu rwego rwa tekiniki ntashobora kujya munsi ya 80%. Iyo abahanga ibishya banganya amanota akubiye hamwe, isoko rihabwa uwatanze igiciro gito. | (g) the minimum technical qualifying score cannot be less than 80%. If the innovators obtain the same combined scores, the tender is awarded to the innovator whose financial score is the lowest. | (g) la note minimale de qualification technique ne peut pas être inférieure à 80 %. Lorsque les innovateurs obtiennent les mêmes notes combinées, l'offre est attribuée à l'innovateur dont l'offre financière est la moins disante. |
| **<u>UMUTWE WA IV</u>: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA** | **<u>CHAPTER IV</u>: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS** | **<u>CHAPITRE IV</u>: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES** |
| **<u>Ingingo ya 33</u>: Uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge mu masoko ya Leta yo guhanga ibishya** | **<u>Article 33</u>: Intellectual property rights in public procurement for innovation** | **<u>Article 33</u>: Droits de propriété intellectuelle dans les marchés publics d'innovation** |
| (1) Inyandiko ihamagarira uhanga ibishya gupiganwa igaragaza uburyo bwo gutunga, gukoresha cyangwa guhererekanya uburenganzira ku mutungo mu by'ubwenge bugizwe n'impamyabuvumbuzi, ibishushanyo by'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda n'uburenganzira bw'umuhanzi bujyanye n'igisubizo batanze. | (1) The request for solution sets modalities for the ownership, use or transfer of intellectual property rights comprising patents, industrial designs, and copyrights relating to their proposed solution. | (1) La demande de solution fixe les modalités de propriété, d'utilisation ou de transfert des droits de propriété intellectuelle comprenant les brevets, les dessins et les modèles industriels et les droits d'auteur relatifs à la solution proposée. |
| (2) Umutungo mu by'ubwenge n'ubundi burenganzira ku mutungo w'abahanga ibishya batoranyijwe n'uw'uhanga ibishya watsindiye isoko biba umutungo bwite w'urwego rutanga isoko. | (2) Intellectual property and other proprietary rights from the best selected innovators and the successful innovator become the sole property of the procuring entity. | (2) Les droits de propriété intellectuelle et d'autres droits de propriété des meilleurs innovateurs sélectionnés et de l'innovateur retenu deviennent la propriété exclusive de l'entité de passation de marché. |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 34: Ibidateganyijwe** | **Article 34: Matters not provided for** | **Article 34: Matières non prévues** |
| Bitabangamiye ibiteganywa n'iri teka, ibi bikurikira bigengwa n'Itegeko rigenga amasoko ya Leta n'iteka rya Minisitiri rishyiraho amabwiriza agenga amasoko ya Leta: | Without prejudice to the provisions of this Order, the following matters are governed by Law governing public procurement and Ministerial Order establishing regulations on public procurement: | Sans préjudice des dispositions du présent arrêté, les matières suivantes sont régies par la loi portant réglementation des marchés publics et l'Arrêté Ministériel portant réglementation des marchés publics: |
| (a) amahame remezo agenga amasoko ya Leta; | (a) fundamental principles governing public procurement; | (a) les principes fondamentaux régissant les marchés publics; |
| (b) itangwa ry'amasoko ya Leta; | (b) award of public procurement; | (b) l'attribution des marchés publics; |
| (c) ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko rya Leta; | (c) public procurement contract execution; | (c) l'exécution du contrat de marché public; |
| (d) amakosa n'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi; | (d) faults and administrative sanctions; | (d) les fautes et les sanctions administratives; |
| (e) ibyaha n'ibihano. | (e) offences and penalties. | (e) les infractions et les peines. |
| **Ingingo ya 35: Ingingo y'ururimi** | **Article 35: Language provision** | **Article 35: Disposition linguistique** |
| Iri teka ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza. | This Order was drafted in English. | Le présent arrêté a été rédigé en anglais. |
| **Ingingo ya 36: Gutangira gukurikizwa** | **Article 36: Entry into force** | **Article 36: Entrée en vigueur** |
| Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. | Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. |

| |
|---|
| Kigali, 13/02/2026<br><br>**(sé)**<br><br>**MURANGWA Yusuf**<br>Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi<br>Minister of Finance and Economic Planning<br>Ministre des Finances et de la Planification Économique |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br>**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**<br>**Vu et scellé du Sceau de la République:**<br><br>**(sé)**<br><br>**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**<br>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta<br>Minister of Justice and Attorney General<br>Ministre de la Justice et Garde des Sceaux |